Republika y'u Rwanda
Minisiteri y'Ubuzima

Rwanda Biomedical Centre
Healthy People, Wealthy Nation

CITY OF KIGALI
Better Service Delivery

GUPIMA CORONAVIRUSI MU MIDUGUDU MU MUJYI WA KIGALI

Mu rwego rwo gukumira ikwirakwira ry'icyorezo cya Koronavirusi, Minisiteri y'Ubuzima, Ikigo gishinzwe ubuzima mu Rwanda ku bufatanye n'Umujyi wa Kigali bateguye igikorwa cyo gupima 15% by'abaturage mu midugudu yose, kuva tariki ya 17 kugera kuwa 18 Nyakanga 2021.

Abashinzwe igikorwa

Iki gikorwa cyateguwe n' Ikigo cy' 'Igihugu gishinzwe Ubuzima (RBC) n'Umujyi wa Kigali (COK); kikazashyirwa mu bikorwa ku bufatanye n'inzego zitandukanye zihuriye muri COVID-19 Command Posts.

Ku rwego rw'Akarere: Igikorwa cyo gupima Koronavirus kizakurikiranwa n'Ubuyobozi bw'Akarere, Inzego zishinzwe umutekano mu Karere n'ibitaro by'akarere

Ku rwego rw'Umurenge: Igikorwa kizakurikiranwa n'Ubuyobozi bw'Umurenge bufatanyije n'Ubuyobozi bw'Ikigo Nderabuzima kiri muri buri murenge.

Ku rwego rw'Akagari n'Umudugudu: Igikorwa kizakurikiranwa n'Abayobozi b'Akagari, Umukuru w'Umudugudu (Mudugudu) n'Umuyobozi w'Isibo (Mutwarasibo) bafatanyije n'abakozi ba Ieta boherejwe gufasha muri iki gikorwa.

Uko igikorwa cyo gupima kizagenda

A. Gutoranya abazapimwa bizakorwa kuva 14/07/2021 kugera 16 /07/2021

Gutoranya ingo zizapimwa:

- Ingo zizapimwa zingana na 15% by'ingo zigize Umudugudu. Umubare w'ingo zizatoranywa kugirango zipimwe Koronavirusi muri buri Mudugudu uri ku mugereka
- Muri buri Mudugudu, Umukuru w'Umudugudu afatanyije na ba Mutwarasibo, umujyanama w'ubuzima bazatoranya ingo zizapimwa Koronavirusi.

- Urugo rwa mbere (No1) ruzatoranywa, ni urugo ruherereye aho umudugudu utangirira.
- Ingo zindi zizapimwa, zizatoranywa uhereye ku rugo No1, bazasimbuke ingo eshanu bafate urugo rwa gatandatu (No6) bityo bityo kugera ku mubare w'ingo zagenwe gupimwa (reba umubare w'ingo zo gupima muri buri Mudugudu k'umugereka)

Abazapimwa:

- Abazapimwa Koronavirusi muri iki gikorwa, ni abaturage bose bafite guhera ku myaka 18 kuzamura bari mu ngo zatoranyijwe; ni ukuvuga abantu bose abari mu rugo No1, No6, No12, No18, No24... gukomeza kugera ku mubare w'ingo zatoranyijwe.

Ikitonderwa

1. Igihe mu rugo rwatoranyijwe nta muntu wo gupima urimo cyangwa se nta wujuje imyaka 18 uhari, urwo rugo rurasimbukwa rugasimbuzwa urugo rukurikiyeho
2. Igihe mu rugo hari ugaragayeho ko arwaye Koronavirusi, abari mu rugo bose batari bapimwe batarageza ku myaka 18 nabo bahita bapimwa
3. Igihe mu rugo rwatoranyijwe abantu bose barurimo bapimwe mu gihe kitarenze iminsi 7 , urwo rugo rurasimbukwa rugasimbuzwa urugo rukurikiyeho

B. Aho abantu bazapimirwa no gutanga ibisubizo

Bizakorwa kuva tariki 17/07/2021 kugera tariki 18 /07/2021

- Abantu batoranyijwe mu mudugudu bazapimirwa ahantu hagenwe muri buri kagari
- Abakozi bapima bazaba ari 7 kuri buri site ipima kandi boherejwe n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuzima
- Urubyiruko rw'abakorerabushake ruzaba ruri ku ma site yose rufasha abaje kwipimisha guhana intera.
- Uwapimwe wese azatahana igisubizo cye. Igisubizo azacyohererezwa mu butumwa bugufi kuri telephone cyangwa akakireba kuri website ya RBC yifashishije code azahabwa; abadafite telephone bazahabwa urupapuro ruto rugaragaza igisubizo cy'ikizamini cyabo.

C. Gutanga raporo

Bizakorwa kuva 17 /07/2021 na 18 /07/2021.

End-

Ku bindi bisobanuro, hamagara Dr Edson RWAGASORE kuri telephone igendanwa 0788599240, cyangwa Adeline KABEJA kuri 0788462552